



REPUBULIKA Y'URWANDA



MINISITERI Y'UBURINGANIRE
N'ITERAMBERE RY'UMURYANGO

RAPORO Y'UKWEZI KWAHARIWE UMURYANGO



09 UKWAKIRA-08 UGUSHYINGO 2012

IBIRIMO

IBIRIMO.....	2
AMAGAMBO AHINNYE YAKORESHEJWE	3
I. INTANGIRO	4
II. GUTANGIZA NO GUSOZA UKWEZI KWAHARIWE UMURYANGO.....	5
II.1. Gutangiza ku mugaragaro ukwezi kwahariwe umuryango	5
III. IBIKORWA BY’INGENZI BYAKOZWE MU KWEZI KWAHARIWE UMURYANGO	6
III.1. Ibyakozwe ku rwego rw’Igihugu	6
III.2. Ibikorwa by’ ingenzi byakozwe mu Turere	9
III.4. Bimwe mu bikorwa by’udushya byabonetse mu Turere.....	32
II.2. Gusoza ku mugaragaro ukwezi kwahariwe umuryango.....	34
IV. AMASOMO YAGARAGAYE.....	36
V. INGORANE ZAGARAGAYE N’IBYIFUZO BIYANYE NO GUTEGURA UKWEZI WAHARIWE UMURYANGO	36
VI. IBITEGANYIJWE GUKORWA MU GIHE KIRI IMBERE.....	37
VII. IMIGEREKA	25
1. INCAMAKE Y’IMIBARE Y’UKO IMIRYANGO IHAGAZE MU KWEZI KWAHARIWE UMURYANGO	25
2. Imibare yagezweho mu kwezi kwahariwe umuryango ku rwego rw’Igihugu.....	Error! Bookmark not defined.
3. Imiryango yahize mu kwezi k’umuryango.....	1
4. Imiryango yaremewe mu kwezi k’umuryango.....	1
5. Imiryango yubatse uturima tw’igikoni	2
6. Imiryango irwaje bwaki yatangiye gukamirwa/yaremewe	3
7. Imiryango yasezeranye byemewe n’amategeko	3
8. Imiryango yari ibanye nabi yiyunze.....	4
9. Imiryango yakemuye ikibazo cy’isuku nke y’abana	5

AMAGAMBO AHINNYE YAKORESHEJWE

- ACCORD RWANDA: Agency for Cooperation and Research in Development
- ADEPR : Association des Eglises Pentecostiste au Rwanda
- ADRA RWANDA : Adventist Development and Relief Agency
- ADTS : Association pour le Développement et la Transformation Sociale
- AJPRODHO : Youth Association for Human Rights Promotion and Development
- ATEDEC : Action Technique Pour Un Developpement Communautaire
- EPR : Eglise Presbyterienne au Rwanda
- FFRP : Rwanda Women Parliamentary Forum
- FSC : Forest Stewardship Council
- IOM : International Organisation for Migration
- KCB : Kenya Commercial Bank
- MIFOTRA : Ministry of Public Service and Labour
- MIGEPROF : Ministry of Gender and Family Promotion
- MINAGRI : Ministry of agriculture and Animal Resources
- MINICOM : Ministry of Trade and Industry
- SACCO : Savings And Credit Co-operative

I. INTANGIRIRO

Tariki ya 09 Ukwakira 2012, mu gihugu hose hatangijwe ukwezi kwahariwe umuryango gusozwa tariki ya 8 Ugushyingo 2012. Uku kwezi kwari gufite insanganyamatsiko igira iti: ***“Duteze imbere umuryango twimakaza indangagaciro z’umuco nyarwanda”***. Intego yari ugukangurira abagize umuryango-nyarwanda gukomeza kwiteza imbere no kugira uruhare mu gushakira umuti ibibazo bibugarije, cyane cyane hashingiwe kuri gahunda y’imihigo y’umuryango. Uyu mwaka ukwezi kwahariwe umuryango kwari kugamije gukora ubukangurambaga ku bibazo byugarije umuryango mu Rwanda no gushimangira indangagaciro z’umuco munyarwanda zifasha abagize umuryango guhangana n’ibyo bibazo.

Bimwe mu bikorwa byari biteganyijwe ni ibi bikurikira:

- Gukangurira abagize imiryango guteza imbere imibereho myiza yabo cyane cyane baboneza urubyaro, bita ku mirire myiza, isuku y’abana by’umwihariko, bambara neza, batura heza kandi bongera ubukungu mu muryango;
- Gukangurira abagize umuryango kurushaho kunoza imibanire binyuze mu kuganira, gufashanya, kwirinda ubusambanyi, ibiyobyabwenge, ibisindisha, ubwicanyi, gutandukana kw’abashakanye, no kwanga umugayo, ;
- Gushishikariza imiryango kwita ku burere bw’abana binyuze mu gushimangira uburere bwabo; kubakira mu miryango no kwita ku burenganzira bwabo;
- Gukangurira imiryango kwimakaza indangagaciro z’umuco munyarwanda harimo: kwihesha agaciro, gukorera ku ntego, gukorana umurava, uburinganire n’ubwuzuzanye, ubumwe, kwiyubaha, kwita ku mwana wese nk’uwawe.

Iyi raporo ikubiyemo ibikorwa by’ingenzi byakozwe mu gihe cy’ukwezi kwahariwe umuryango mu buryo burambuye.

II. GUTANGIZA NO GUSOZA UKWEZI KWAHARIWE UMURYANGO

II.1. Gutangiza ku mugaragaro ukwezi kwahariwe umuryango

Umuhango wo gutangiza ukwezi kwahariwe umuryango wabereye mu Karere ka Ruhango, mu murenge wa Byimana taliki ya 09 Ukwakira 2012. Mu bufatanye na Minisitiri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango habaye inama zitandukanye hamwe n'abafatanya bikorwa kugirango bazagire uruhare rufatika muri uku kwezi. Mu nama zabaye harimo: inama n'abakuriye amadini, inama na za Minisitiri ,n'ibigo bya Leta ndetse n'inama n'imiryango itegamiye kuri Leta.



Nyakubabwa Minisitiri w'Intebe, n'abandi bayobozi batandukanye mu gutangiza ukwezi kwahariwe umuryango mu Ruhango ku wa 09 Ukwakira 2012.

III. IBIKORWA BY'INGENZI BYAKOZWE MU KWEZI KWAHARIWE UMURYANGO

III.1. Ibyakozwe ku rwego rw'Igihugu

III.1.1. Ibikorwa by'ubukangurambaga

- Hatanzwe ibiganiro 12 binyuranye birebana n'iterambere ry'umuryango ndetse n'ibibazo byugarije umuryango nyarwanda. Ibyo biganiro byatanzwe kuri Radiyo 5 zigenga zikorera mu Rwanda (Radiyo 10, Flash Fm, City Radio, Ijwi ry'Ibyiringiro n' Isango Star), no kuri Radiyo na Televiziyo y'u Rwanda;
- Hakozwe inama n'abanyamakuru, abanyamadini n'abandi bafatanyabikorwa banyuranye mu rwego rwo kubashishikariza kwitabira ibikorwa by'ukwezi kwahariwe umuryango;
- Ku rwego rw'Igihugu hizihijwe umunsi mukuru w'umugore wo mu cyaro wabereye mu Karere ka Karongi, mu Murenge wa Rubengera. Uwo munsi wari ufite insanganyamatsiko igira iti: **“Banyarwandakazi, duharanire iterambere dukomeze kwihesha agaciro”** yari igamije gukangurira abanyarwandakazi kwiteza imbere bitabira kwibumbira muri koperative no gukorana n'ibigo by'imari by'umwihariko Umurenge SACCO.



Karongi ku wa 15 Ukwakira 2012, mu birori byo kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Umugore wo mu Cyaro.

- Hizihijwe Umunsi mukuru w’Umwana w’Umukobwa muri Serena Hotel i Kigali wari ufite isanganyamatsiko igira iti: **“Abakobwa dufite Agaciro”** Kuri uyu munsi umushyitsi mukuru yari Nyakubahwa Madamu wa Perezida wa Repubulika y’u Rwanda. Mu butumwa bwe yakanguriye abantu bose gufatanya kugirango abana b’abakobwa bahabwe Agaciro kimwe nk’abandi bana.



Serena ku wa 11 Ukwakira 2012 Umuhango wo kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w’Umwana w’Umukobwa.

- Muri uku kwezi kandi hakoze ubukangurambaga ku muhigo w’umuryango kugirango abagize umuryango bakore ku ntego kandi bafatanye mu kwiteza imbere. Uturese twese twahawe amakaye y’umuhigo w’ umuryango. Muri uku kwezi imiryango **54193** ikaba yarahize ikoresheje ikaye y’umuhigo w’umuryango.
- Nkuko imiryango ibana itarasezeranye yagaragayeho kuba intandaro y’imibanire mibi, mu kwezi k’umuryango hakoze ubukangurambaga kugirango iyo miryango isezerane. Binyuze mu Turere n’abafatanyabikorwa batandukanye mu Rwanda hose hakaba harasezeranye imiryango igera ku **32473**. Ibi bikaba bizafasha mu gukumira ibibazo byagaragaraga mu miryango bitewe no kubana mu buryo butemewe n’amategeko.



Burera ku wa 8 Ugushyingo 2012 Imiryango yabanaga itarasezeranye irahira imbere y'abaturage

- Hakozwe ibarura ry'imiryango igera ku 23,888 ibanye nabi mu hakorwa na gahunda zo kuyunga binyuze mu biganiro. Henshi hari hagiye hagaragazwa ko imibanire mibi iterwa, n'ubusinzi, guhezwa ku mutungo, kuba abagabo bakorera amafaranga ntibayageze mu rugo, kubana badasezeranye, ubuharike, ubusambanyi, ibiyobyabwenge n'ibindi. Binyujijwe mu biganiro bitandukanye abagize umuryango baganiriye ku kureka izo ngeso kugirango bateze umuryango wabo imbere. Imiryango igera ku 12,715 yashoboye kwiyunga no kongera kubana mu mahoro.
- Mu kwezi k'umuryango habarurwe imiryango igera ku 167,996 ikennye cyane ikeneye kuremerwa. Mu gihugu hose hakozwe gahunda yo kuremera abantu bakennye cyane. Ukwezi kwarangiye 32,473 baremewe.
- Imiryango 361,264 nta turima tw'igikoni yari ifite mu ntangiriro z'ukwezi k'umuryango haje kugaragara umubare munini ku kibazo cy'imirire mibi. Nyuma y'iyi mibare imiryango 102,918 yubatswe uturima tw'igikoni tuzabafasha mu kurwanya imibare mibi.
- Hagaragaye ibibazo by'imiryango 3929 ifite abana barwaye bwaki mu itangizwa ry'ukwezi kwahariwe umuryango. Nyuma y'ibikorwa byakozwe muri uku kwezi imiryango 2049 yakemuye ikibazo cy'imirire mibi mu bana bitewe ahanini n'ibikorwa byo gukamira iyo miryango ifite abana barwaye bwaki no kuyiremera.
- Mu itangizwa ry'ukwezi k'umuryango hagaragaye imiryango 70,141 ifite abana bafite isuku nke, bakanguriwe kwita ku isuku muri rusange n'iy'abana by'umwihariko.

- Mu gihugu hose ukwezi kwahariwe umuryango kwarangiye abantu 2571 bafunguje konti mu Mirenge SACCO kugira ngo bizigamire bazagere ku iterambere rirambye. Ibi bikaba byari bijyanye na gahunda yo gukangurira abagize umuryango nyarwanda guharanira kwiteza imbere bakorana n'ibigo by'imari no guhanga imishinga ibateza imbere.

III.2. Ibikorwa by'ingenzi byakozwe mu Turere

Nk'uko byari byateganyijwe muri gahunda zateguwe n'Uturere mbere y'uko ukwezi kwahariwe umuryango gutangira, Uturere twakoze ibikorwa byinshi byiza bijyanye n'ukwezi kwahariwe umuryango. Ibyo bikorwa byagezweho ku bufatanye hagati y'Ubuyobozi bw'Uturere, abaturage, abafatanyabikorwa n'inzego zinyuranye zikorera mu Turere. Bimwe mu by'ingenzi byakozwe mu Turere ni ibi bikurikira:

MU NTARA Y'AMAJYARUGURU

1. Mu Karere ka **Musanze** ibikorwa by'ingenzi byakozwe ni ibi bikurikira: Gutera ibiti by'imbutu ziribwa mu miryango 102 yari ifite ikibazo cy'imirire mibi; itsinda ry'abagore 19 bo mu Murenge wa Musanze bahawe inguzanyo n'Umurenge SACCO UMUTUZO ihwanye na 200,000 Frw; Abagore 5 batishoboye bo mu Murenge wa Gashaki bafungurijwe konti mu Umurenge SACCO buri muntu yatangiwe ibihumbi icumi mu rwego rwo kubashishikariza gukorana n'ibigo by'imari. Ibindi bikorwa byakozwe mu Karere ka Musanze birimo: kwandika abana bavuka; gusezeranya Imiryango ibana ku buryo bunyuranije n'Amategeko; kubakira abatishoboye; gusura no kuganiriza imiryango ibanye mu makimbirane; ibiganiro ku mihigo; kubarura abaturage mu byiciro; kuremera abagore; kubaka uturima tw'igikoni; guhuza ubutaka; imiganda yo kurwanya isuri; umugoroba w'ababyeyi n'ibindi.



Abadamu bishimira ibyagezweho mu Karere ka Musanze

- ❖ Kimwe no mu tundi Turere twose tw'Igihugu, mu Karere ka **Gicumbi** kahozwe ibikorwa bitandukanye mu kwezi kwahariwe umuryango birimo: kubaka ubwiherero 195 bw'abatishoboye kubumba amatafari 6,000 yo kuzubakira abatishoboye ubwiherero; hasanwe ubwiherero 112 bw'abatishoboye; abagore bishyize hamwe bagurira bamwe muri bo matela 47 muri gahunda ya sasa neza, ibitenge 86, indobo nini 11, amasafuriya manini 5, amabati 30 yo gusakaza imisarane; hatanzwe inka 136, ihene 38 n'ingurube 33 mu rwego rwo korozanya; hubatswe rondereza 565 hanasanwa izigera kuri 1,893; hatewe ibiti by'imbutu ziribwa 3720 (avoka, ibinyomoro n'amatunda arandaranda); hubatswe inzu z'abatishoboye 3 hanasanwa izigera kuri 17.
- ❖ Mu Karere ka **Gakenke** ibikorwa by'ingenzi byakozwe n'ibi bikurikira: gufunguza konti ku bagore 831 mu Murenge SACCO; Gutera ibiti bisanzwe 2885 n'iby'imbutu 2916; gutanga matela ku bantu 17; kuremera abagore batishoboye 30 bahabwa amasuka; abana 33 bagaragayeho bwaki, bahawe amatungo atandukanye agera kuri 63 arimo inkwavu, ihene, intama n'inkoko.
- ❖ **Mu Karere ka Rurindo**, hubatswe Rondereza 259 mu buryo bwo gufasha abaturage kumenya gukoresha amaziko ya kijyambere akoresha ibicanwa bike.
- ❖ **Mu Karere ka Burera** hakoze ibikorwa birimo: gukangurira abashakanye kwitabira amakoperative n'ibigo by'imari hafungurwa konti 2751 muri SACCO; gushishikariza abashakanye kubana ku buryo bwemewe n'amategeko imiryango 1005 yarasezeranye;

Hizihijwe Umunsi Mpuzamahanga w'Umugore wo mu Cyaro ubera mu Murenge wa RUGARAMA. Kuri uyu munsi, umugore windishyikirwa yahembwe ibihumbi magana abiri n'Inama y'Igihugu y'Abagore. Hatewe ibiti 100 by'imbuto.



Burera ku wa 8 Ugushyingo 2012, Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe mu gikorwa cyo gutera ibiti by'imbuto ziribwa

MU MUJYI WA KI KIGALI

- ❖ **Mu Karere ka Kicukiro** ibikorwa by'ingenzi byakozwe bikubiyemo: kuremera imiryango 20 igahabwa umugabane mu Murenge SACCO; gutangiza ku mugaragaro amahugurwa y'abagore 1000 ku gutegura no gucunga mishinga iciriritse kubufatanye na Women for Women International; gutanga ibiganiro kuri gahunda zo kuboneza urubyaro; gutegura indyo yuzuye mu rwego rwo kurwanya imirire mibi, isuku mu ngo no ku mubiri; kurwanya amakimbirane mu miryango no kwita ku burere bw'abana. hakoze n'igikorwa cyo gutera ibiti by'imbuto muri gahunda yo gutoya imiryango kurya imbuto kuko zifite akamaro mu mikurire y'abana. Hanamuritswe ibikorwa byakozwe na bamwe mu bagore bafashijwe na Women for Women International;



Kicukiro kubufatanye na Women for Women International mu kumurika ibikorwa byagezweho n'abagore.

Mu Karere ka Gasabo hakoze ibikorwa bikurikira; gutera inkunga y'ibihumbi maganabiri (200,000 frw) Kopereative y'abavuye mu buraya bakora akazi k'isuku kugirango bagure ibikoresho bibafasha mu kazi; hatangijwe ku mugaragaro inzu mberabyombi y'abagore mu murenge wa Rutunga; hatewe inkunga ingana na 980.000frw yahawe koperative y'abagore bibumbiye muri unite y'abagide bakorera mu murenge wa Rutunga; hatanzwe ibiganiro bitandukanye byo guteza umuryango imbere (itegeko ry'umuryango, ijisho ry'umuturanyi, kwitabira kuzigama no kuguza sacco, umugoroba w'ababyeyi, kwibumbira mu makoperative, kurwanya imirire mibi, kuboneza urubyaro, kugira isuku, kudakura abana mu mashuri, ...).

Haremewe abagore 15 umwe muri buri Murenge, buri wese yahawe inkunga ingana n'ibihumbi 50,000 Frw mu rwego rwo kubafasha kubona umurimo ubyara inyungu. Muri gahunda ya Girinka Munyarwanda abagore 6 bo mu Murenge wa Rutunga batishoboye bahawe inka. Abagore batishoboye 72 n'abagabo 15 bakorewe ubuhinzi bw'inyanya bwa kijyambere **“green house”**;

- ❖ **Mu Karere ka Nyarugenge** ibikorwa by'ingenzi byakozwe birimo: gusezeranya imiryango ibana mu buryo butemewe n'amategeko; kuremera abatishoboye; ubukangurambaga ku kwitabira ubwisungane mu kwivuza no kuboneza urubyaro. Hanakozwe kandi ibiganiro bitandukanye ku mategeko arengera umuryango no gukangurira abaturage kwipimisha icyorezo cya Sida no gukangurira imiryango kugira imihigo y'ingo.

MU NTARA Y'IBURASIRAZUBA

- ❖ **Mu Karere ka Ngoma** hakoze ibikorwa byo gutegura no gutanga indyo yuzuye mu rwego rwo kurwanya imirire mibi ku bana;; hatanzwe amata n'imbutu ku bana; hatanzwe matela mu rwego rwo guca nyakatsi yo ku buriri; hatanzwe ibiti by'imbutu ziribwa zigomba guterwa mu ngo mu rwego rwo gukomeza gukangurira imiryango kurya imbuto. Mu mirengye yose habaye gukangurira abaturage kwitabira ubwisungane mu kwivuza hanabaye kandi ibikorwa byo kuremera imiryango itishoboye hakaba haratanzwe inka 116, ihene 406, ingurube 23, inkwavu n'inkoko 10. Hasezeranye imiryango 81 yabanaga mu buryo butemewe n'amategeko. Hakoze kandi igikorwa cyo gupima agakoko gatera SIDA ku bantu 44.
- ❖ **Mu karere ka Kayonza**, hatanzwe ibiganiro mu rwego rwo gukangurira imiryango: kubana mu buryo bwemewe n'amategeko, kugana ibigo by'imari, kuremera abatishoboye, kugira uturima tw'igikoni no kurya iryo yuzuye. Muri ibi biganiro hatanzwe ubuhamya ku miryango yari ibanye nabi hanahembwa imiryango ibanye neza. Habaye igikorwa cyo gusezeranya imiryango yari ibanye mu buryo butemewe n'amategeko, imiryango 28 ikaba yarasezeranye.
- ❖ **Mu Karere ka Gatsibo** , hatewe ibiti biribwa 6000; hafungurijwe konti abagore 10 mu Murenge SACCO. Hakoze inama z'ubukangurambaga zigamije gukangurira abaturage kwita kuri gahunda yo kuboneza urubyaro, kurya indyo yuzuye no kwirinda maraliya hakoreshwa inzitiramubu.
- ❖ **Mu Karere ka Nyagatare**, hakoze ibikorwa bigamije: gukangurira imiryango guhiga no kubishishikariza abandi; kumenya imiryango ikeneye kuremerwa no kuyiremera; kumenya imiryango idafite akarima k'igikoni no kuyisha kutwubaka; gukangurira imiryango kurya indyo yuzuye, kumenya no gushishikariza imiryango kubana isezeranye; gukangurira ababyeyi kwigisha abana kugira isuku, gusana no kubakira amazu imiryango yari ibaye mu mazu atameze neza.
- ❖ **Mu karere ka Bugesera**, ukwezi kwahariwe umuryango kwaranzwe n'ibikorwa birimo: kuremera abatishoboye; kubaka akarima k'igikoni; kwigisha abaturage uburyo bategura indyo yuzuye; hatanzwe n'ubutumwa bukumira ihohoterwa mu miryango.

- ❖ **Mu karere ka Rwamagana** ibikorwa by’ingenzi byakozwe ni ugukangurira imiryango gutegura indyo yuzuye; gukorera ku mihigo; gusezeranya imiryango no Kuremera abatishoboye.



Rwamagana umuhango wo gusezeranya ababanaga badasezeranye bwemewe n’amategeko

- ❖ **Mu karere ka Kirehe:** ibikorwa by’ingenzi byaranze ukwezi k’umuryango n’ibi bikurikira: gukurikirana imihigo y’ingo n’iyubakwa ry’akarima k’igikoni; gusezeranya imiryango yabanaga itarasezeranye; gukamira abana bagaragayeho imirire mibi; gutera ibiti by’imbuto ziribwa no gushishikariza abantu kugira isuku.

MU NTARA Y’IBURENGERAZUBA

- ❖ **Mu Karere ka Nyabihu** ibikorwa byingenzi byakozwe birimo umuganda wo gutera ibiti 10.000 ku muhanda Musanze-Rubavu mu buryo bwo kurwanya isuri ; guhamba abagore b’indashyikirwa muri gahunda yo kuzamura bagore bo mu cyaro. Hakoze n’ibiganiro bitandukanye bigamije gukangurira imiryango kubana mu buryo bwemewe n’amategeko ; gutegura indyo yuzuye, gutunganya uturima tw’igikoni hagamijwe kurwanya indwara zikomoka ku mirire mibi ; gukamira abana bafite ikibazo cy’imirire mibi ; kuganiriza imiryango ifitanye amakimbirane no kuremera imiryango itishoboye.
- ❖ **Mu Karere ka Rusizi** hakoze ibikorwa harimo: kureme abatishoboye; gushishikariza imiryango kugira isuku; kubaka uturima tw’igikoni; guha abana amata; gusezeranya

imiryango yabanaga mu buryo butemewe n'amategeko no kwandika abana 4 276 batari banditse mu bitabo by'irangamimerere.

- ❖ **Mu Karere ka Rutsiro** ukwezi k'umuryango kwaranzwe n'ibi bikurikira: Imiryango 1059 yararemewe; imiryango 4556 yarahize; hubatswe uturima tw'igikoni 7319; imiryango 983 yabanaga ku buryo butemewe n'amategeko yarasezeranye; imiryango 650 yabanaga nabi yariyunze; imiryango 5716 yakemuye ikibazo cy'isuku nke.
- ❖ **Mu Karere Ka Nyamasheke:** imiryango 533 yari ibanye nabi yariyunze. ingo 62 zabanaga mu buryo butemewe n'amategeko zarasezeranye; imiryango yakanguriwe kwirinda ibiyobyabwenge; ababyeyi bakanguriwe kuboneza urubyaro.. Ingo zose zasabwe gukorera ku muhigo, buri rugo rukagira ikayi y'imihigo, imiryango 435 yarahize. Abana 4276 bari barakererewe banditswe mu bitabo by'irangamimerere ku Mirenge; imiryango 319 mu miryango ikennye yararemewe; imiryango 71 yigishijwe gutegura indyo yuzuye; hubatwe uturima tw'igikoni 54. Abagore 100 batishoboye bahawe urufunguzo rw'ubukire rungana na 200,000 FRW binyujijwe mu mushinga ATEDEC ufasha abaturage mu iterambere.
- ❖ **Mu Karere ka Ngororero** abaturage bibukijwe ko bagomba gukorera ku mihigo arimo: kwishyura ubwisungane mu kwivuza, guteza imbere ubuhinzi bakoresha inyongeramusaruro, kurwanya isuri, gutera ibiti, kurwanya imirire mibi borora amatungo magufi ndetse n'amanini, kuremera abatishoboye, kwiubakira amashuri n'amacumbi y'abarimu n'ibindi. Rwanda Kolping Society yatanze inka 8; muri gahunda ya sasa neza hatanzwe matela 19 ndetse n' imiryango 35 yishyuriwe ubwisungane mu kwivuza.
- ❖ **Mu Karere ka Karongi,** hakoze ibi bikurikira: Gusezerana ku babanaga mu buryo butemewe n'amategeko; gukangurira baturage kugira akarima k'igikoni muri buri rugo, kugira isuku mu ngo ariko hibandwa ku isuku y'abana; Gushishikariza urubyiruko gukunda umurimo no gukomeza gushishikariza imiryango gukorera ku intego binyuze mu muhigo w'umuryango.
- ❖ **Mu Karere ka Rubavu** kazoze ibikorwa bikurikira: gutanga ibikoresho byo mu ngo, ababyeyi bigishwa uburyo bwo gutegura indyo yuzuye kandi abana bagaburiwe imbuto; gukangurira abantu gukorera ku mihigo aho imiryango 955 mu itari yarahize yahize, imiryango 188 yararemewe, hubakwa uturima tw'igikoni uturima tw'igikoni 525. Imiryango

12 irwaje bwaki yabonye abiyemeza kuyikamira. Imiryango 129 yabanaga mu buryo butemewe n'amategeko yarasezeranye, imiryango 1225 yabanaga nabi yariyunze naho imiryango 1494 yakemuye ikibazo cy'isuku nke.

MU NTARA Y'AMAJYEPFO

- ❖ **Mu Karere ka Ruhango** mu bikorwa byakozwe harimo: gukangurira imiryango kubana mu buryo bwemewe n' amategeko; gukangurira imiryango gutegura indyo yuzuye, gutunganya uturima tw' igikoni hagamijwe kurwanya imirire mibi gukamira abana bafite ikibazo cy' imirire mibi; gukangurira imiryango kugira isuku hibandwa ku y'abana; kuganiriza imiryango ifitanye amakimbirane; gukangurira umuryango ibyiza byo gukorera ku muhigo no kuremera imiryango itishoboye.
- ❖ **Mu Karere ka Muhanga:** hakoze ibi bikurikira: kuremera imiryango 289; hubatse uturima tw'igikoni 800; imiryango 64 yari irwaje bwaki yatangiye gukamirwa; imiryango 537 yari ibanye mu buryo butemewe n'amategeko yarasezeranye; imiryango 129 yari ibanye nabi yariyunze naho imiryango 851 ikemura ikibazo cy' isuku nke y' abana.
- ❖ **Mu karere ka Nyanza:** mu bikorwa byakozwe harimo: kuremera abatishoboye (kuremera bana barwaye bwaki bahabwa amata n' amatungo magufi, kubakira no gusanira abatishoboye amazu, kubakirwa uturima tw' igikoni, guha abana b'abanyeshuri ibikoresho by'ishuri); gukemura amakirambirane n'ihohoterwa mu miryango; ubukangurambaga butandukanye (gukangurira imiryango gusezerana, kuboneza urubyaro n' ubwisungane mu kwivuzza, kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina n' amakimbirane mu muryango, kwimakaza umuco w' isuku n' isukura). Muri uku kwezi kandi imiryango 4809 yarahize, imiryango 644 yaremewe, imiryango 110yari irwaje bwaki yatangiye gukamirwa, imiryango 271 yasezeranye, imiryango 120 yari ibanye yariyunze naho imiryango 1502 yakemuye ikibazo cy' isuku nke y' abana.
- ❖ **Mu karere ka Gisagara** hakoze ibikorwa byo gukangurira imiryango kubana mu buryo bwemewe n'amategeko; gutegura indyo yuzuye; gutunganya uturima tw'igikoni; gukamira

abana bafite ikibazo cy'imirire mibi no gukangurira imiryango kugira isuku cyane iy'abana. Muri uku kwezi imiryango 533 yararemewe; imiryango 4232 yubatse uturima tw' igikoni; imiryango 35 yari irwaje bwaki yatangiye gukamirwa; imiryango 602 yarasezeranye; imiryango 256 yari ibanye nabi yariyunze naho imiryango 988 ikemura ikibazo cy' isuku nke y' abana.

- ❖ **Mu karere ka Nyamagabe** hakoze ibi bikurikira: kunga imiryango yari ifitanye ibibazo binyuze muri clinique juridique hagamijwe. imiryango 35 yarahize; imiryango 12 yararemewe; imiryango 43 yubatse uturima tw' igikoni; imiryango 189 yari irwaje bwaki yatangiye gukamirwa; imiryango 54 yarasezeranye; imiryango 344 yari ibanye nabi yariyunze naho imiryango 11 ikemura ikibazo cy' isuku nke y' abana.
- ❖ **Mu karere Huye** ibikorwa byakozwe mu kwezi k'umuryango harimo gutangiza ku mugaragaro gahunda y'akagoroba k'ababyeyi, gusezeranya imiryango yabanaga itarasezeranye, kumurika ibyo amatsinda y'Intambwe yo kuzigama no kugurizanya (*Village Saving Loans Groups*) yagezeho. Hubatswe uturima tw'igikoni tw'ikitegererezo mu Murenge wa Gishamvu mu rwego rwo kwerekera abaturage uburyo bwifashishwa mu guca burundu indwara ziterwa n'imirire mibi; hatewe insina za kijyambere mu rwego rwo gushishikariza abaturage kongera umusaruro; hakoze umurima w'ibihumyo mu rwego rwo gukangurira umuryango kwihaza mu biribwa bagasagurira amasoko. Muri uku kwezi imiryango 1014 yararemewe; imiryango 21 yari irwaje bwaki yatangiye gukamirwa; imiryango 609 yarasezeranye; imiryango 286 yari ibanye nabi yariyunze naho 1461 ikemura ikibazo cy' isuku nke y' abana.
- ❖ **Mu Karere ka Nyaruguru:** imiryango 192 yahawe inka, 72 ihabwa ihene naho 360 ihabwa inkoko. Hatanzwe ibiganiro mu imirenge yose byatumye imiryango 104 isezerana imbere y'amategeko.

III.3. Bimwe mu bikorwa by'ingenzi byakozwe n'Abafatanyabikorwa mu Turere

- Mu Karere ka **Rusizi** itorero **ADEPR** ryahuguye imiryango igera kuri 141 yari ifite ibibazo by'imirire mibi. Iyi miryango yakemuye ikibazo cy'imirire mibi mu bana yerekwa uburyo butandukanye bwo gutegura indyo yuzuye.



Rusizi Itorero ADEPR mu muhango wo gutanga Inka

- Mu Karere ka **Musanze**, **BAHO MISSIONS** yatanze ibiganiro ku miryango ibana mu makimbirane mu rwego rwo kubakungurira kubana mu mahoro n'ubwumvikane.
- Mu Karere ka **Gicumbi** Ku bufatanye na **World Vision**, abagore bahuguwe mu kuboha ibitebo byitwa "Umuhuza" bifasha kubika ibiryo bikagumana ubushyuhe. Mu Murenge wa Rutare. World Vision yatanze Imirama y'imboga n'ibikoresho byo kubakisha uturima tw'igikoni ku baturage 300 batishoboye.

Itorero **Word of Life** ryakamiye abana batatu bagaragaraho imirire mibi mu Murenge wa Rukomo. World Vision yafashije mu guhugura abantu 81 batishoboye ku gukora imishinga iciriritse ibyara inyungu mu Murenge wa Kageyo. **Save the Children** yatangiye campaign yo kurengera uburenganzira bw'abana mu Karere ka Gicumbi.

- **Mu Karere ka Burera**, ibikorwa byakozwe n'abafatanyabikorwa birimo: **ADTS** yatanze amahugurwa ku ihohoterwa rikorerwa mu ngo. Murenge wa **KAGOGO** hatanzwe inka 9 zatanzwe na **CARITAS** ku bantu bafite ubwandu bw'agakoko gatera SIDA. **FFRP** yatanze inka ku bagore 17 batishoboye baturutse mu mirenge igize Akarere.
- **MINICOM** yahuguwe abagore 105 bakora ubucuruzi bwambukiranya imipaka. Umuryango wa **IOM** watanze amatungo magufi arimo ihene 176, Ingurube 20 n'intama 4.



Burera inka zatanzwe na IOM

- ✓ **Mu Karere ka Kicukiro**, **New covenant Healing Power Church** yatanze ihene 50 ku miryango ikennye ituye mu Murenge wa Kanombe mu Kagari ka Busanza. **Hope and Homes for Children** yafashije imiryango 20 ikennye ifite n'ikibazo k'imirire mibi. Hatanzwe inkunga y'ibiribwa ihwanye n'ibihumbi 995.000 kandi ikazayikurikirana ikayifasha kwivana mu bukene. **World relief** nayo yatanze ibiganiro byerekeye imibanire myiza hagati y'abashakanye mu mirenge ya Masaka na Gahanga. **Young Women Mentors Network** nayo yatanze ibiganiro mu Murenge wa Gahanga birebana n'Umuryango unogeye abana ndetse barebera hamwe uruhare rw'ababyeyi mu mikurire myiza y'abana.

- ✓ **Mu Karere ka Gasabo** hakoze amarushanwa ku bagore ba rwiyemezamirimo bakora imyuga iciriritse iterwa inkunga na **Women for Women International**. **MIFOTRA** yubatse udusoko tw'abagore mu Mirenge ya Gatsata, Remera na Kimihurura.
- Mu Karere ka Nyarugenge, Right to Play** yatanze ibiganiro ku birebana no kurinda abana ihohoterwa mu bigo 5 by'amashuri abanza. **AL-AMAL** yateye inkunga imiryango 132 ibishyurira ubwisungane mu kwivuzwa. **Umuryango w'abasoma Bibiriya** mu Rwanda wahuguye abantu 35 ku birebana n'Ubumwe, ubwiyunge n' isanamitima.
- ✓ **Mu Karere ka Ngoma,** Itorero EPR ryagabiye imiryango ikennye ihene 100 n'insina za kijyambere 1000.
- ✓ **Mu Karere ka Kayonza,** AJPRODHO yagize uruhare mu kwigisha imiryango kubana neza inafasha kandi guhamba umuryango witwaye neza aho wahembwe ibihumbi 50 000. **Women for Women** yagize uruhare mu kwigisha abantu gukumira ihohoterwa rikorerwa mu ngo.
- ✓ **Mu Karere ka Gatsibo,** World Vision yatanze ibiti biribwa 6000, AJIPRODHO JIJUKA yahebye imiryango ibanye neza. Plan Rwanda yafashije abana 123 kwiga imyuga. ADRA RWANDA yahuguye abarimu bazahugura abandi ku gusoma no kwandika, yanateye kandi inkunga y'urusyo Koperative yitwa Maisha Bora. ASSOCIATION NDABAGA yatanze inka 92 mu rwego rwo kuremera imiryango itishoboye. FOOD FOR HUNGRY yatanze ihene 48, inatanga mutuelle ku bantu 44. Umuryango FSC watanze ibiganiro ku kuboneza urubyaro.
- ✓ **Mu Karere ka Ngororero,** ACCORD RWANDA yakoze ubukangurambaga hagamijwe gushishikariza abaturage gahunda yo kongera umusaruro mu bwinshi no mu bwiza.
- ✓ **Mu Karere ka Nyamasheke** ATEDEC yahaye abagore 100 batishoboye urufunguzo rw'ubukire rungana na 200,000 FRW.
- ✓ **Mu Karere ka Ruhango; MINAGRI** yaremeye abatishoboye mu mirenge yose igize akarere ka Ruhango aho batanze ihene 456, ingurube 177.
- ✓ **Mu karere ka Gisagara Actionaid** yaremeye abatishoboye mu mirenge wa MUGANZA aho batanze inka 6, ingurube 11 batanga kandi imiti y'amatungo n'umwayi w'imboga. **Care International** yafashije mu gikorwa cyo kuganiriza imiryango ifitanye amakimbirane mu tugari.
- ✓ **Mu karere ka Huye** KCB yatanze matela ku bagore bavuye mu muhanda bacuruza agataro nyuma bakihangira imirimo. **Nutriad** yatanze matela, amatara ndetse n'amasafuriya ku miryango yari ifite abana bafite indwara ziterwa n'imirire mibi.

III.4. Bimwe mu bikorwa by'udushya byabonetse mu Turere

Mu kwezi kwahariwe umuryango hagiye hagaragara ibikorwa by'udushya mu turere dutandukanye. Iby'ingenzi ni ibi bikurikira:

- Mu Karere ka Musanze hari abagore 8 bo mu Murenge wa Cyuve bakoreraga mu kimina bahingira abandi, bashobora kugurirana inka; ubu buri wese atunze inka yavuye mu gukorera mu kimina. Batangiye gushaka ibyangombwa byo guhindura ikimina cyabo Koperative.
- Mu Karere ka Gasabo biyubakiye inzu mberabyombi. Banataha udusoko twubakiwe abagore bahoze bacururiza ku gataro n'abandi bavuye mu mwuga w'uburaya. Abanyamadini bemeye kujya buri cyumweru banyuza inyigisho mu nsengeru zikangurira abantu kwita ku miryango, hanatanzwe imyenda amavuta yo kwisiga, imyaka n'ibiti byo kubakira abatishoboye.
- Mu karere ka Nyagatare mu murenge wa Mimuli hakoze igikoni cy'umudugudu aho bigisha ibigize indyo yuzuye n'uburyo bwo kuyiteka; mu murenge wa Rukomo abasaza 41 bahawe matela mu rwego rwo kubasazisha neza naho mu murenge wa Karama hari itsinda ryahawe 6 000 000 Frw mu rwego rwo gushishikariza abandi gukora na SACCO.
- Mu karere ka Kirehe batangije guhunda yo gukarabya abana kugirango babarinde indwara ziterwa n'isuku nkeya.
- Mu karere ka **Muhanga** hashyizweho gahunda y' isengesho ry' abagore (mu rwego rwo gusana imitima) nyuma yo gukora ibikorwa byongerera ubukungu twasanze Roho nzima igomba gutura mu mubiri muzima hashyirwaho gahunda y' isengesho rimwe mu gihembwe.
- **Mu karere ka Nyanza** hakoze umurima ntangarugero w' ibihumyo wiswe: INZU Y'AKARUSHO mu rwego rwo guca imirire mibi.

II.2. Gusoza ku mugaragaro ukwezi kwahariwe umuryango

Umuhango wo gusozza ukwezi kwahariwe umuryango, wabereye mu Turere twose tariki ya 08 Ugushyamba 2012, ku rwego rw'Igihugu ubera mu Karere ka Burera mu Murenge wa Kinoni witabirwa na Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe wari umushyitsi mukuru. Muri uwo muhango habaye ibikorwa bitandukanye birimo: gutera ibiti by'imbutu 5,000; kuremera imiryango 15; guha abana amata n'imbutu nk'ikimenyetso cy'indyo yuzuye mu muryango no gusezeranya imiryango yabanaga mu buryo butemewe n'amategeko.



Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe aha abana imbutu mu muhango wo gusozza ukwezi kwahariwe umuryango i Burera.

Mu butumwa Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe yatanze yasabye abayobozi batandukanye n'abanyarwanda muri rusange gushakira hamwe umuti w'ibibazo biri mu miryango kuko ukwezi k'umuryango ari igihe cyo kureba ibitagenda neza no kubishakira ibisubizo. Yasabye kandi abanyarwanda gukorera ku mihigo no guharanira kugira imiryango yihesha agaciro.

Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe yashishikariye abayobozi b'inzeho zibanze guharanira ko imiryango itarangwamo amakimbirane, imirire mibi kuko abanyarwanda batagomba kurwaza bwaki kandi imiryango nyarwanda ibite ibiribwa. Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe yibukije abanyarwanda

ko bagomba gukomeza kwitabira gahunda za Leta, guca amakimbirane mu ngo no kurwanya ibiyobyabwenge mu rubyiruko.

IV. AMASOMO YAGARAGAYE

Mu kwezi kwahariwe umuryango hagaragaye amasomo menshi ariko ay'ingenzi ni aya akurikira:

- ✓ Hagaragaye ko abantu benshi, by'umwihariko abagore bashobora kwegeza kuri byinshi baramutse bashishikariye gukora bivuye inyuma;
- ✓ Hagaragaye ubufatanye n'ubushake bw'abaturage mu rwego rwo gukemura ibibazo byugarije umuryango.
- ✓ Ubufatanye hagati y'inzego bwite za Leta n'abafatanyabikorwa butanga umusaruro.
- ✓ Hashingiwe ku ibarura ryakozwe, biragaragara ko hakiri byinshi byo gukorwa mu rwego rwo guteza imbere umuryango nyarwanda.
- ✓ Ukwezi kwahariwe byagaragaye ko gufitiye akamaro imiryango kuko hari ibibazo bimwe na bimwe kwakemuye nko gushyingiranya imiryango ibanye ku buryo butemewe n'amategeko.
- ✓ Ukwezi kwahariwe umuryango kwagaragaje uko umuryango ubayeho n'ibibazo bihari.
- ✓ Gukangurira imiryango kubana mu buryo bwemewe n'amategeko hamwe na hamwe aho byagaragaye ko abagabo benshi bagitsimbaraye ku kubana n'abagore babo batasezeranye.
- ✓ Imiryango myinshi ifitanye amakimbirane usanga ahanini biterwa no gucana inyuma ndetse no gusesagura imitungo k'umwe mu bashakanye bikaba n'inzitizi yo kudasezerana.

V. INGORANE ZAGARAGAYE N'IBYIFUZO BIJYANYE NO GUTEGURA UKWEZI WAHARIWE UMURYANGO

V.I. Ingorane

- ✓ N'ubwo ukwezi kwahariwe umuryango kwateguwe hitawe ku nama z'abafatanyabikorwa, ntabwo habonetse imfashanyigisho cyangwa se depliants bihagije aho ibiganiro byatangirwaga nko ku rwego rw'Umudugudu.
- ✓ Ibikorwa byasabwa gukorwa n'Uturere bitabaga biri mu ngengo y'imari zatwo bityo bikagorana cyane.
- ✓ Ingengo y'imari yo gukora ibikorwa itari ihagije.
- ✓ Imyumvire ikiri hasi ku bagore n'abagabo ku mibanire no kuzuzanya mu rugo bityo bigatuma bitagerwaho neza.

- ✓ Imyirango idahwitse ku bagabo bamwe bumva ko ukwezi kwahariwe umuryango kureba abagore;
- ✓ Imiryango igifite ibibazo byo kutagira amazi bigatuma isuku ikomeza kuba nke;
- ✓ Abafatanyabikorwa badakurikirana Imirenge batera inkunga;

V.II. Ibyifuzo

- ✓ Hakenewe guhuza igenamigambi rya Minisiteri n'iry'Uturere (joint planning kugira ngo Uturere tujye tumenya gahunda dusabwa gushyira mu bikorwa ndetse aho biri ngombwa biteganyirizwe mu ngengo y'imari bwite y'Uturere)
- ✓ Hakenewe gushyiraho gahunda ya raporo zikenerwa ndetse n'ingengabihe zizajya zitangwa mu rwego rwo kunoza imikoraninire no kwirinda ibikorwa bihora bitungurana (**urgences**).
- ✓ Gutegura ingengo y'imari ihagije igenewe uku kwezi ikoherezwa mu turere twose.
- ✓ Gutegura inama n'abafatanyabikorwa mu rwego rwo kurebera hamwe ibibazo biri mu muryango bityo akaba aribyo bishyirwamo ingufu mu kwezi kwahariwe umuryango;
- ✓ Gutegura inama y'isuzuma nyuma y'ukwezi kwahariwe umuryango harebwa niba ibyo bari biyemeje byaragezweho.

VI. IBITEGANYIJWE GUKORWA MU GIHE KIRI IMBERE

Mu biteganywa gukorwa mu bihe biri imbere n'ibi bikurikira :

- ✓ Gushyiraho uburyo bwo gukomeza gukusanya imibare na raporo ku bikorwa bikomeza gukorwa n'uturere n'abandi bafatanyabikorwa.
- ✓ Guteganya inama n'abafatanyabikorwa kugirango habeho kuganira ku byagezweho muri uku kwezi kwahariwe umuryango.
- ✓ Uturere tuzakomeza gukangurira abanyarwanda bose kugira uruhare mu gukemura ibibazo byagaragaye mu kwezi k'umuryango.
- ✓ MIGEPROF ifatanyije n'abandi bafatanyabikorwa bazakomeza gukangurira imiryango cyane cyane igizwe n'urubyiruko n'abagore gukorana n'ibigo by'imari binyuze muri gahunda yo korohereza abagore n'urubyiruko kugera kuri serivisi z'imari.


VII. IMIGEREKA

1. INCAMAKE Y'IMIBARE Y'UKO IMIRYANGO IHAGAZE MU KWEZI KWAHARIWE UMURYANGO

	Akarere	Umubare w'ingombi	Umubare w'imiryango idafite ikaye y'umuhigo	Imiryango yahize	Umubare w'imiryango ikomeye kuremerwa	Imiryango yaremewe	Umubare w'imiryango idafite akarima k'igikoni	Imiryango yubatswe uturima tw'igikoni	Umubare w'imiryango irwaje	Imiryango irwaje bwaki yatangiye	Umubare w'imiryango itarasezeranyeye	Imiryango yasezeranyeye	Umubare w'imiryango ibanye nabi	Imiryango nabi yari ibanye yiyunze	Umubare w'imiryango ifite abana bafite isuku nke	Imiryango yakemuye ikibazo cy'isuku nke
1	Gisagara	73777	0	0	2660	533	9851	4232	35	35	3896	602	521	256	1638	988
2	Ruhango	71549	18837	0	1372	1086	14624	0	60	7	4581	1006	1448	855	2473	1251
3	Muhanga	68930	13493	0	8676	289	7476	800	634	64	2686	537	462	129	2448	851
4	Nyaruguru	61218	7740	3184	11343	624	11347	6400	106		5704	105	1185	711	5968	3110
5	Huye	72441	2378	0	4639	1014	17958	4866	21	21	4320	609	608	286	1710	1461
6	Nyamagabe	73220	5295	3524	4865	1254	4743	4391	226	189	4601	548	704	344	1453	1181
7	Nyanza	68,614	6,936	4,809	3,797	644	14,142	8,024	138	110	2,509	271	340	120	1,730	1,502
8	Kamonyi	73058	1445	772	1351	749	2623	1792	149	136	2432	674	555	304	2192	1372
9	Rusizi	82448	5518	2905	13912	4790	9170	5140	141	60	3766	2380	849	386	5073	3106
10	Nyamasheke	82247	539	435	18532	319	258	54	48	71	2914	62	443	533	104	25
11	Karongi	69929	0	0	185	126	160	127	31	31	195	177	48	48	182	114
12	Ngororero	74614	4109	3287	2476	55	3304	2987	60	60	1756	52	897	764	1855	1487
13	Rubavu	81989	81034	955	20727	188	64009	525	102	12	663	129	1260	1225	1551	1494
14	Nyabihu	65287	4178	4126	875	664	18044	15333	60	57	4998	144	194	153	12602	9348
15	Rutsiro	69921	8467	4556	2256	1059	14806	7319	362	288	4018	983	1293	650	2590	1716
16	Gakenke	81367	223	0	2421	383	7501	0	54	30	1420	395	583	583	1526	0


17	Rulindo	61541	26	26	1113	671	828	596	37	30	2433	1164	453	254	787	629
18	Musanze	77974	8466	0	6091	1710	17197	7295	80	69	8402	345	678	274	3501	1838
19	Gicumbi	85,429	3,760	2,461	1,544	574	7,109	4,289	127	100	1,816	201	717	312	2,580	1,486
20	Burera	72134	5200	2795	3077	491	3557	2800	153	34	5421	1005	557	344	238	165
21	Nyagatare	80317	8499	0	4048	223	10632	69685	191	129	15467	0	590	410	1627	1271
22	Ngoma	74403	10210	5196	7957	1319	14657	6697	126	59	13605	743	1850	666	4151	2770
23	Gatsibo	87696	5706	5525	10985	5833	9729	9145	83	83	12509	2608	1373	1229	1226	1194
24	Rwamagana	61737	1454	815	8551	295	10951	1243	37	34	2248	398	494	31	1070	919
25	Kayanza	66159	0	0	11196	494	4616	1514	23	12	6955	469	1204	320	916	338
26	Bugesera	80538	5161	1399	2227	756	19852	3147	450	126	7926	792	1324	479	3030	1017
27	Kirehe	72695	5475	2877	860	57	3567	58	219	61	8170	956	628	87	2592	868
28	Kicukiro	62123	4814	1431	2115	248	14473	324	57	46	5301	252	764	0	789	391
29	Gasabo	112345	9519	0	7023	5778	26329	50927	91	67	8730	34933	1446	725	1943	1990
30	Nyarugenge	72123	5071	3115	1122	247	17751	3820	28	28	7431	21489	420	237	596	244
	Igiteranyo ku Karere	2237823	233553	54193	167996	32473	361264	223530	3929	2049	156873	74029	23888	12715	70141	44126

2. Imiryango yahize mu kwezi k'umuryango




Nkuko bigaragara mu mbonerahamwe haruguru, Uturere 20 nitwo tugaragaza ko twahize mu kwezi kwahariwe umuryango Imiryango yahize ni 54,193. Uturere dufite imibare myinshi y'imiryango yahize ni Gatsibo, Ngoma, Nyanza, Rutsiro na Nyamagabe, mu gihe uturere 10 tutagaragaza imibare y'imiryango yahize. Utwo Uturere ni : Gisagara, Ruhango, Muhanga, Huye, Karongi, Gakenke, Nyagatare, Kayonza na Gasabo.

3. Imiryango yaremewe mu kwezi k'umuryango




Nk’uko bigaragara imwe mu miryango yari ikennye yararemewe mu Turere twose. Uturere twa Gatsibo, Gasabo na Rusizi twaje ku isonga, naho Ngororero, Kirehe na Karongi nitwo tugaragaza imibare mike y’abaremewe. Muri rusange abaremewe bose mu kwezi kwahariwe umuryango ni 32,473.

4. Imiryango yubatse uturima tw’igikoni




Imiryango yubatse uturima tw’igikoni yose hamwe ni 102,918 mu kwezi k’umuryango mu gihe mu ntangiriro z’ukwezi imiryango 361,264 itari ifite uturima tw’igikoni. Uturere twa Nyabihu, Gatsibo na Nyanza nitwo twubatse uturima tw’igikoni twinshi mu gihe Ruhango, Gakenke, Nyagatare na Gasabo nta mibare igaragara y’uturima twubatswe mu kwezi k’umuryango.

5. Imiryango irwaje bwaki yatangiye gukamirwa/yaremewe




Imiryango yari irwaje bwaki mu ntangiriro z’ukwezi kwahariwe umuryango yari 3,929, muri yo 2,049 yatangiye gukamirwa ndetse imwe ikaba yararemewe. Uturere twa Rutsiro, Nyamagabe, Kamonyi, Nyagatare na Bugesera nitwo dufite imibare myinshi y’abakamiwe mu gihe Uturere twa Nyaruguru, Ruhango, Rubavu, Kayonza na Huye twagaragaje imibare mike y’abakamiwe.

6. Imiryango yasezeranye byemewe n’amategeko




Umubare w'imiryango itarasezeranye mu ntangiriro z'ukwezi kwahariwe umuryango yari 156,873 ukwezi kwarangiye imiryango 74,029 isezeranye byemewe n'amategeko. Uturere twasezeranyije imiryango myinshi ni Gasabo Nyarugenge, Rusizi, Gatsibo na Rulindo, mu gihe utwasezeranyije imiryango mike ari Nyagatare, Ngororero, Nyamasheke, Nyaruguru na Rubavu.

7. Imiryango yari ibanye nabi yiyunze



Umubare w'imiryango yari ibanye nabi mu ntangiriro z'ukwezi kwahariwe umuryango yari 23,888. Muri uko kwezi imiryango 12,715 yariyunze. Uturere twa Gatsibo, Rubavu, Ruhango, Ngororero na Gasabo nitwo twunze imiryango myinshi yari ibanye nabi. Uturere twa Kicukiro, Rwamagana, Karongi na Kirehe twagaragaje imibare mike y'imiryango yunzwe.

8. Imiryango yakemuye ikibazo cy'isuku nke y'abana



Umubare w'imiryango yari ifite abana bafite isuku nke mu ntangiriro z'ukwezi kwahariwe umuryango yari 70,141. Kubera ibikorwa byinshi by'ubukangurambaga byakozwe muri uko kwezi, imiryango 44,126 yakemuye ikibazo cy'isuku nke y'abana. Uturere twa Nyabihu, Nyaruguru, Rusizi na Ngoma nitwo twagaragaje imibare myinshi y'imiryango yakemuye ikibazo cy'isuku nke, mu gihe Uturere twa Gakenke, Nyamasheke, Karongi, Burera na Nyarugenge ari two dufite imibare mike y'ibyakozwe kuri icyo kibazo.

9. UTURERE DUTANU TUGARAGAZA IBIBAZO BYINSHI

Nyuma y'isesengura ku bibazo byose kuri buri ngingo Uturere 5 tugaragaza ibibazo byinshi kurusha utundi hagendewe ku mibare yasabwe ni:

1. Ngoma
2. Gasabo
3. Musanze
4. Rubavu
5. Karongi

Utu Turere tuvuzwe hejuru dufite imibare myinshi ku bibazo bikurikira : Imiryango idafite imihigo, imiryango ibana itarasezeranye; imiryango ibanye nabi n'isuku nke ku bana.